Ibibazo Tuzakubaza Nusaba UNM Care cyangwa Out-of-County Care

Buri muntu wese usabye UNM Care cyangwa Out-of-County Care ahabwa Uhagarariye Serivise z'Imari (Financial Services) wo kumufasha kuzuza ubusabe. Duhamagare dupange gahunda n'Uguhagarariye Iyo uhamagaye, utumenyesha niba ushaka guhura na bo amaso ku yandi cyangwa niba ari kuri telefoni.

Ushaka guhabwa gahunda, hamagara **505 272-2521 cyangwa 877 909-6661** (ni ubuntu) zikora kuva ku wa mbere kugeza ku wa gatanu hagati ya saa 8:00 za mu gitondo na saa 5:00 za nimugoroba. Dufite Ababahagararira bavuga Icyesipanyole, Ikiviyetinamu, na Navajo. Umwe muri aba iyo atabonetse, tuguhuza n'abasemuzi bo kuri telefoni cyangwa mu buryo bwa videwo.

Dutanga serivisi z'ubusemuzi mu ndimi zirenga 200, zirimo Ururimi rw'Amarenga rwa Amerika. Serivisi z'ubusemuzi ni ubuntu. Nk'uko biteganywa n'amategeko, dutegetswe guha umusemuzi buri muntu wese umukeneye.

Iyi nyandiko izagufasha kwitegura gahunda yawe n'uguhagarariye muri Serivisi z'Imari (Financial Services). Irondora ubwoko bw'amakuru n'ibyangombwa tuzacyenera kugira ngo twuzuze ubusabe bwawe bwa UNM Care cyangwa Out-of-County Care.

Tuzakubaza ku bijyanye nawe

Tuzakubaza ibibazo kuri wowe ubwawe. Urugero –

- Witwa nde?
- Utuye he? Nomera ya telefoni? Imeri?
- Wavutse ryari?
- Waba ufite ubwishingizi bwo kwivuza? Niba ubufite, ni ubuhe?

Tuzakubaza ku bijyanye n'abagize umuryango

Ku barwayi bafite imyaka 18 n'abayirengeje, "abagize urugo" barimo umurwayi, uwo bashakanye niba ahari, na buri wese umurwayi ateganya kugira umwishingizi ku misoro. Kuri izi gahunda ebyiri, umwishingizi ku misoro agomba kuba abana nawe kugira ngo abarwe nk'ugize umuryango wawe,

Ku barwayi bari munsi y'imyaka 18, "abagize urugo" barimo umurwayi, ababyeyi babo cyangwa ababarera, kandi buri muntu ababyeyi cyangwa abamureba bitezweho kwemeza ko bagendera ku misoro yabo.

Niba ufite ibibazo ku bijyanye n'abakugenderaho, wabaza uhagarariye Serivisi z'Imari (Financial Services) ubwo muzaba muri kuganira.

Dushobora kubaza ibibazo nk'ibi bu bijyanye n'abagize urugo –

- Ni abahe bagize umuryango mubana?
- Buri wese afite imyaka ingahe?
- Buri wese afitanye n'umurwayi irihe sano?
- Ni ubuhe bwoko bw'ubwishingizi bw'ubuzima (niba buhari) buri wese afite?

Tuzakubaza ku bijyanye n'amafaranga abagize urugo binjiza.

Tuzakubaza ingano y'amafaranga ukorera n'amafaranga buri wese mu rugo rwawe abona buri kwezi. Ibyo bizadufasha kumenya imbumbe y'amafaranga urugo rwinjiza buri kwezi. **Imbumbe** y'ayo mwinjiza ni amafaranga mwabonye **mbere** yo kugira imisoro wishyura cyangwa ibindi ukuraho. Kumenya imbumbe y'amafaranga mwinjiza bizadufasha kumenya niba wemerewe UNM Care cyangwa Out-of-County Care.

Tuzabaza niba ugenerwa inyungu za New Mexico SNAP, TANF, na/cyangwa WIC. Niba ubigenerwa, ubwo usanzwe wujuje ibyangombwa bisabwa kugira ngo uhabwe UNM Care cyangwa Out-of-County Care.

Tuzakubaza uburyo ubonamo amafaranga n'umubare w'amafaranga winjiza. Tuzabaza kandi niba ufite ubwishingizi ndetse niba ubwishingizi butangwa binyuze ku kazi kawe.

Ibibazo nk'ibi tuzabibaza n'abantu bose mubana mu rugo. Tuzabaza no ku bijyanye n'andi mafaranga wowe cyangwa undi mu bagize urugo mushobora kwinjiza. Urugero, inyungu z'Ubwiteganyirize, amafaranga ahabwa Abashomeri, amafaranga agenerwa Abahoze mu Ngabo, Amafaranga ahabwa abafite ubumuga, n'Inyungu z'Ibiro Bishinzwe Kwita ku Banyamerika Kavukire.

Tuzagusaba ibyangombwa bimwe biherekeza ubusabe

Nyuma yo gufatanya kuzuza ubusabe bwawe, tuzanyura no mu **byangombwa bibuherekeje** dukeye ko utanga. Dusaba ibyangombwa biherecyeza ubusabe kubera ko dukeneye kugenzura uwo uri we, aho uba, ingano y'amafaranga winjiza, n'amafaranga ufite muri konti zawe za banki n'iz'ishoramari. Aya makuru yose adufasha kwemeza niba wemerewe UNM Care cyangwa Out-of-County Care.

Ugomba kumenya neza ko utaduhaye icyangombwa cy'umwimerere. Dukeneye fotokopi gusa.

Uwo Uri We (Umwirondoro)

Tuzagusaba kuzana 1 muri ibi byangombwa kuri **buri muntu mubana mu rugo** Ibi byangombwa bidufasha kugenzura umwirondoro wawe n'uw'abo mubana. Tuzemera icyangombwa icyo ari cyo cyose muri ibi byanditse hasi (fotokopi gusa ni zo zikenewe).

- Pasiporo (y'inyamahanga cyangwa ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika)
- Icyemezo cy'amavuko (mu mahanga cyangwa Leta zunze ubumwe za Amerika)
- Ifoto y'Indangamuntu (uruhushya rwo gutwara, I.D itangwa na leta, I.D y'akazi cyangwa ishuri)
- Ikarita y'Ubwiteganyirize
- Icyemezo cyo Kuba Kavukire w'Umunyamerika w'Umuhinde
- Impapuro za gatanya
- Inyandiko z'ubwitabire ku ishuri cyangwa inyandiko z'ubuvuzi bwa buri munsi
- Izindi nyandiko za leta, nka viza (viza zarangiye ziremewe)
- Icyemezo cy'ushinzwe dosiye, umukozi ukora mu buvuzi bw'ibanze, utanga ubuvuzi, cyangwa urwego rw'ibanze rukuzi n'uko umerewe

Niba udafite na kimwe muri ibi byangombwa tuvuze hejuru, bitumenyeshe. Tuzakorana nawe dushake ikindi cyangombwa kugira ngo tubone icyemezo cy'umwirondoro usabwa. Wibuke, **ntabwo** utegetswe kuba uri umuturage wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika cyangwa ufite sitati runaka y'ubwimukira kugira ngo wemererwe UNM Care cyangwa Out-of-County Care.

Aho Uba (Aderesi)

Tugusaba icyangombwa cyanditseho izina na aderesi yawe. **Ukeneye icyangombwa kimwe gusa ku bagize urugo rwose.** Tuzemera icyangombwa icyo ari cyo cyose muri ibi byanditse hasi (fotokopi gusa ni zo zikenewe).

- Inyemezabwishyu
- Ubwishingizi bw'imodoka
- Fagitire y'ibintu nkenerwa (amashanyarazi, gaze, amazi, telefone, interineti)
- Ubukode, ingwate, cyangwa inyandiko y'umusoro ku mutungo
- Indi fagitire cyangwa icyemezo
- Icyemezo cyo kwiyandikisha ubwawe cyangwa umwana mu kigo cy'uburezi
- Umusoro ku nyungu
- Ubwiteganyirize, ubumuga, pansiyo, cyangwa inyandiko z'ikiruhuko cy'izabukuru
- Icyemezo cy'ushinzwe dosiye, umukozi ukora mu buvuzi bw'ibanze, utanga ubuvuzi, cyangwa urwego rw'ibanze rukuzi n'uko umerewe

Niba udafite na kimwe muri ibi byangombwa tuvuze hejuru, dushobora gukorana tugakoresha izindi dosiye.

Ingano y'Amafaranga Ukorera (Ayo Winjiza)

Niba utagira aho uba, uri mu gihombo, cyangwa ugenerwa SNAP, TANF, cyangwa WIC, dushobora kugusaba ibyangombwa byemeza ibyo. Urugero, nk'ibaruwa yanditswe n'ushinzwe dosiye cyangwa urwego rw'umuryango rukuzi n'ikibazo cyawe; ibyangombwa by'urukiko; cyangwa ibaruwa ivuye muri Minisisteri y'Abakozi (Human Services Department).

Tugusaba kuzana ibyangombwa byerekana amafaranga wowe na buri wese mubana mwinjiza mu kwezi. Tuzemera icyangombwa icyo ari cyo cyose muri ibi byanditse hasi (fotokopi gusa nizo zikenewe).

- Inyemezabwishyu
- Umusoro ku nyungu
- Ibaruwa y’umukoresha igaragaza amafaranga winjiza buri kwezi
- Uko ubitsa kuri banki
- Ibaruwa cyangwa fotokopi za sheki zivuye mu Bwiteganyirize bw’Abakozi, Indishyi z’Abakozi, Abashinzwe Abasezerewe mu Ngabo, cyangwa Ibiro Bishinzwe Kwita ku Banyamerika b’Abahinde
- Inyandiko z’umuntu wikorera
- Icyemezo cy’ushinzwe dosiye, umukozi ukora mu buvuzi bw’ibanze, utanga ubuvuzi, cyangwa urwego rw’ibanze rukuzi n’uko umerewe

Niba udafite na kimwe muri ibi byangombwa tuvuze hejuru, dushobora gukorana tugakoresha izindi dosiye.

Niba udashobora kwerekana amafaranga winjiza, cyangwa ukaba nta mafaranga winjiza, ushobora kwandika inyandiko ubivuga. Ibyo wanditse bigomba kuvuga uburyo wishyura amafaranga y’ibintu bya buri munsi nk’ibiryo, inzu, n’ingendo

Ingano y’Amafaranga Ufite kuri Konti Zawe za Banki n’iz’Ishoramari (Umutungo)

Tuzagusaba kuzana ibyangombwa byerekana ingano y’amafaranga ufite kuri konti zawe za banki n’iz’ishoramari. Konti z’ishoramari zishobora kuba nk’imigabane ufite n’impapuro mvunjwafaranga cyangwa amafaranga usangiye n’abandi.

Kugira ngo wemererwe UNM Care cyangwa Out-of-County Care, ntabwo uba ugomba kurenza imbumbe ya $20.000 kuri konti zawe za banki (izisanzwe n’izo kuzigama) hamwe na konti z’ishoramari zose hamwe.

Ntabwo tuzagusaba kubikuza amafaranga yawe yo mu kigega cy’izabukuru, impapuro mvunjwafaranga, ibyemezo byo kubitsa (CDs) kugira ngo uyakoreshe wishyura fagitire y’ubuvuzi. Gusa ariko, niba waramaze kuyabikuza mu mwaka, cyangwa niba igishoro cyararengeje igihe mu mwaka (ibi bivuze ko itariki yageze ubwo ishoramari ryawe ryagombaga kuba ryishyuwe), ayo mafaranga nayo azabarwa nk’ayo winjije.

Tuzemera impapuro za banki ziheruka mu igenzura iryo ariryo ryose, ubwizigame, hamwe na konti z'ishoramari ufite (fotokopi gusa nizo zikenewe).

Icyitonderwa – Inzu yawe, imodoka, n'amafaranga y'izabukuru ntabwo bibarwa. Ntabwo usabwa gutanga ibyangombwa kuri ibyo.

Dushobora kukubaza n'ibindi bibazo bimwe na bimwe

Urugero, niba ukeneye ubuvuzi kubera impanuka, tuzagusaba amakuru arambuye. Dushobora kukubaza, wagize impanuka bwoko ki? Ese yishyurwa n'Ikigega cy'Indishyi z'Abakozi? Ese watwereka inyandiko zijyanye n'iyo mpanuka? Waba waravuganye n'umunyamategeko?

Dusoza, tuzakubaza ibi bibazo byombi

1) Ese waha UNM Hospital uburenganzira bwo kugenzura inyandiko z'amafaranga winjiza no kugenzura umubare w'abagize urugo (abo mubana) ubwo tuzaba turi gutunganya ubusabe bwawe bwa UNM Care cyangwa Out-of-County Care?
2) Ushobora guhamya ko amakuru watanze mu gihe cyo gusaba ari yo kandi ari ukuri?

Buri kibazo muri ibi tuzakivuga turanguruye kandi tugusabe nawe kugisubiza uranguruye.